# Ubuhinzi mu Rwanda: Imbata y'Isomo ry'ibiti bitanga igicucu mu ikawa

**IGIHE:** Amasaha 2

**ABAHUGURWA:** Abahinzi

**UHUGURA:** Uhugura Abahinzi

**AHO ABERA:** Mu murima

**INTEGO:**

- **INTEGO 1: Gusobanura ingaruka z'izuba ryinshi ku ikawa.**
- **INTEGO 2: Gusobanura akamaro k'ibiti bitanga igicucu.**
- **INTEGO 3: Imiterere y'ibiti byiza bitanga igicucu n'amoko yabyo.**
- **INTEGO 4: Ikigero cyiza cy'igicucu mu ikawa**
- **INTEGO 5: Kwerekana uko batera igiti cy'igicucu mu ikawa.**

**IBIKORESHO:**

- Ibiti 2 bitanga igicucu bifite uburebure bwa 30cm,
- Isuka yo gucukura imyobo
- Ifumbire ibize neza

| TIME | CONTENT OUTLINE |
|---|---|
| **15 Min** | **GUTANGIRA:**<br>**KWIBWIRANA:**<br>○ Uhugura<br>○ Abahugurwa<br>○ Abashyitsi<br><br>**KWIBUKIRANYA:** amahugurwa y'ubushize ubaza abahinzi ibibazo bimwe na bimwe.<br><br>**GUSUBIRAMO INTEGO:** |

<table>
<tr><td></td><td>

- Uyu munsi turiga kuburyo bwo kubugabunga igicucu mu ikawa. Turarebera hamwe akamaro k'igicucu mu murima wa kawa, ubwoko bw'ibiti bitanga igicucu cyiza mu ikawa , hanyuma dukore umwitozo wo gutera igiti mu ikawa.

**UMWITOZO: Agakino ko kwishyushya**
Toranya agakino ko kwishyushya kaberanye abahugurwa.

</td></tr>
<tr><td>15 Min</td><td>

**INTEGO 1: Gusobanura ingaruka z'izuba ryinshi kubiti bya kawa**

**Baza:** Wumva umeze ute iyo uhagaze umwanya munini ku zuba ryinshi?

**IBIZUBIZO:**

- Gushyuha cyane
- Kugira inyota
- Gucika intege, kunanirwa no guhungabana!

**SOBANURA:** Ibiti by'ikawa bishobora gushyuha cyane, bikagira inyota kandi bigahungabana iyo bitewe kuzuba ritagabanyijwe cyane cyane mugihe cy'impeshyi.

**Baza:** Niba ntabiti bitanga igicucuc ufite mu murima wawe, ubona ibiti byawe bya kawa bimeze bite mugihe cy'izuba?
**IBISUBIZO**:


- Amababi arahonga
- Amababi arahinguka, amashami agatangira kuma/gupfa .
- Ibiti bya kawa bishobora guterwa n'utumatirizi
- Ibiti bishobora kuma burundu niba amapfa akomeje

**EREKANA**: amafoto y'ibiti byishwe n'izuba n'ibindi biti biri munsi y'igicucu.

</td></tr>
</table>

| | |
|---|---|
| |  <br>**BAZA** :  Ni ibihe biti bifite ubuzima bwiza?<br>**MUBIGANIREHO**<br><br>**SOBANURA:**<br>▪ Ibiti byawe bya kawa bimera nkawe iyo uri kuzuba ryinshi.<br>▪ Amababi n'ubutaka bya kawa birashyuha cyane .<br>▪ Ikawa itagabanirijwe izuba, ikenera kuhirwa amazi menshi kuko izuba ryinshi riba ryatumye asohoka mu gihingwa biciye mu mababai no mubutaka.<br>▪ Ibiti bya kawa birahungabana cyane bigaterwa n;uduhunduguru.<br><br>**BAZA**: ese muzi aho ikawa ya Arabica yakomotse ?<br>**IBISUBIZO:**<br>▪ Ikawa ya arabica yavimbuwe mumashyamba ya Ethiopia munsi y;ibiti birebire bitanga igicucu.<br>▪ Ibi bisobanuyeko ikawa ya Arabica ubusanzwe ukunda gukurira munsi y'ibiti bitanga igicucu.<br>▪ Guhinga ikawa munsi y'igicucu bituma ukoresha neza umutungo kamere nk'umucyo, amazi n'ubutaka. |
| **10 Min** | **INTEGO2: Gusobanura akamaro k'ibiti bitanga igicucu.**<br><br>**SOBANURA:**  Twize ko ikawa ukunda gukurira munsi y'igicucu.<br><br>**BAZA:** Uratekereza ko akandi kamaro k'ibiti bitanga igicucu mu ikawa zawe?<br><br>**IBISUBIZO:**<br><br>▪ **Ibiti bitanga igicucu bifasha mu kunoza no kubungabunga ubutaka:**<br>o Kugwa kw'amababi y'ibyo biti kongera intungagihinwa mu butaka |

| | |
|---|---|
| | ◦ Imizi y'ibiti bitanga igicucu ifata ubutaka neza, ikarinda isuri cyane cyane mu misozi miremire.<br>◦ Bimwe mu biti bitanga igicucu byongera azote mu butaka (ibiti by'ibinyamisogwe).<br>▪ **Ibiti bitanga igicucu bifasha mu kugabanya ibyatsi/ikirare** binyuze mu kugabanya urumuri rw'izuba kandi ibyatsi byumye by'amababi yabyo bikaba ifumbire.<br>▪ **Igicucu gifasha kugabanya igabanuka ry'amazi mu butaka** binyuze mu kugabanya ubushyuhe no kugabanya umuvuduko w'umuyaga.<br>▪ **Ibiti bitanga igicucu bikurura inyoni n'udusimba** bigatuma habungabungwa urusobe rw'ibinyabuzima rufasha mukurwanya udukoko no kongera amahirwe y'ibangurirwa ry'ibihingwa.<br>▪ **Imirima y'ikawa ifite igicucu** iba ifite ikirere kidahungabanywa n'imihindagurikire y'ikirere.<br><br>**SABA**: abahinzi kuvuga akandi kamaro k'ibiti bitanga igicucu, mubiganireho nko gutanga inkwi zo gucana, imbaho, ubuki, n'ibindi…. |
| **15 Min** | **INTEGO 3: Imiterere y'ibiti byiza bitanga igicucu n'amoko yabyo**<br><br>**BAZA:** Uratekerezako inturuzu yaba igiti cyiza gitanga igicucu? Tanga ubusobanuro bw'igisubozo cyawe.<br>**IBIZUBIZO:** Oya. Ibiti by'inturusu birakura bikaba birebire cyane kandi bikurura amazi menshi mu butaka. Amababi yabyo ni mabi, ntafumbire yatanga. Inturusu zacura vuba ibiti bya kawa, amazi n'intungagihingwa.<br><br>**BAZA:** Uratekerezako ari ibiki biranga igiti cyiza gitanga igicucu?<br><br>*Icyitonderwa k'uhugura: Baza abitabiriye ibibazo bibayobora kubisubizo byiza nko kubaza ngo ese igiti kigomba kuba gikura vuba cyangwa gikura gahoro cyane?*<br><br>**IBISUBIZO:**<br><br>▪ Gukura vuba<br>▪ Kugira amashami agera kure agatuma ibiti bya kawa bitwikirwa<br>▪ Kugira imizi ihera kure mu butaka ku buryo bidahatanira ifumbire n'amazi n'ibiti bya kawa<br>▪ Kongera azote (Nitrogen) mu butaka niba bishoboka |

| | |
|---|---|
| | ▪ Gutanga indi nyungu, nko kuba igihingwa cy'ibiribwa nk'imitoki cyangwa avoka, cyangwa igiti gitanga inkwi/ibiti byo kubakisha<br>▪ Ibiti byo muri ako gace (indigenous) birushaho kumenyera ikirere cy'aho kandi ntibishobora gucurana n'ibiti bya kawa<br>o Ibiti by'iwacu binashishikariza inyoni n'udusimba kurya udukoko twangiza imyaka<br>o Abagura kawa bashaka kumenya ko murengera ibidukikije bityo bakunda ko mutera ibiti byo mukarere mutuyemo /Ibiti gakondo<br><br><br><br><br>**SOBANURA:** Ibiti bya gakondo ni byiza kuko bimenyera vuba ikirere kandi ntibicurana na Kawa amazi n'intungagihingwa. Bicumbikira neza inyoni n'izindi nshuti z'abahinzi zifasha mukurwanya udusimba tubi.<br><br>**BAZA**: Ni ibihe biti bitanga igicucu wahitamo mugihe ugiye gutera ibiti bitanga igicucu mu murima wawe?<br>**IBISUBIZO:**<br>▪ Ibiti bitanga imbuto ziribwa nk'insina, avoka<br>▪ Ibiti gakondo<br>o *Albizia sp.*<br>o *Acacia sp.*<br>o *Polyscias.*<br><br>**SABA** abahinzi kuvuga ibiti gakondo batekerezako byatanga ibicucu byiza mu ikawa **. MUBIGANIREHO** |

<table>
<tr>
<td>10 Min</td>
<td>
INTEGO 4: Kugaragaza ikigero cy’igicucu gikwiriye.<br><br>
BAZA : Ese ikawa yagira igicucu cyinshi kuburyo bukabije?<br>
IBISUBIZO: Yego. Igicucu gikabije gitera:
<ul>
<li>Ikawa kurabya nabi</li>
<li>Umusaruro mucyeya</li>
<li>Ibiti fatizo bya kawa biba birebire kandi bikorohera cyane kuburyo bitakwikorera ibitumbwe byinshi.</li>
</ul>
SOBANURA:
<ul>
<li>TIgicucu cyiza ni 20-40%. Bisobanuyeko 20-40% by’ubutaka bitwikiriwe n’igicucu.</li>
<li>Ushobora kubungabunga igicucu ugabanya amashami y’ibiti bitanga igicucucu nyangwa se ukagabanya umubare w’ibiti urimo, nk kwicira insinza igihe zibaye nyinshi.</li>
</ul>
BAZA: Ni iyihe ntera ushyira hagati y’ibiti bitanga igicucu?<br>
IBISUBIZO : Biterwa n’ubwoko bw’ibiti:
<ul>
<li>Insina zigomba guterwa mu ntera ya 5-6m , ukazicira burigihe ukajya usigaho insina 3, insina, umwana n’umwuzukuru , kandi ukazazisimbuza ibiti gakondo nyuma y’igihe.</li>
<li>Ibiti nka Albizia na Acacia biterwa muntera ya 8-9m.</li>
</ul>
</td>
</tr>
</table>

| | |
|---|---|
| **35 Min** | **INTEGO 5: Kwerekana uko batera igiti cy'igicucu mu ikawa.** |

**IGIKORWA: Guters igiti gitanga igicucu**

a. EREKANA uko batera ibiti bitanga igicucu ukurikiza izi ntambwe:

1. Hitamo urugemwe rwizwa rwa cm 30
2. Cukura umwobo wa cm40x40 .
3. Vanga ubutaka n'ifumbire mborera iboze neza y'ibito 10. Ubutsindagire gahoro mu mwobo
4. Kata indiba y'igihoho irimo
5. Tereka urugemwe mu mwobo  kuburyo ubutaka bwo mu mwobo buringanira n;ubutaka bwo mu gihoho.




Diagram 1: Planting Depth

6. Kata igihoho kuburyo udahungabanya
7. Tereka urugemwe mubutaka bwo mumwobo buvanze n'imborera uringanize ubutaka bwo mu mwobo n'ubutaka urugemwe rwakuye mu gihoho, utsinadagireho buhoro buhoro kugirangp imizi yegerane n'ubutaka bwo mu mwobo.
8. Sasira neza igiti, ntiwegereze isaso kuruti. Uyishyire muri cm4 kugirangi wirinde imiswa.
9. Uhira igiti neza .

| | |
|---|---|
| **15 Min** | **GUSOZA:**<br><br>**Gusuzuma ibyigwa by'ingenzi**<br><br>**UMWITOZO: Isuzumabumenyi**<br>BAZA abahugurwa ibibazo bikurikira:<br>*Icyitonderwa k'uhugura: koresha ibibazo by'isuzuma ugenzure ko bumvise, ugende utanga ubufasha aho bukenewe.*<br>▪ Bigendabite iyo uteye ikawa kuzuba ryinshi ritagabanyijwe?<br>▪ Ni akahe kamaro k'ibiti bitanga igicucu mu ikawa?<br>▪ Ni ibihe biti byiza byo gutanga igicucu mu ikawa?<br>▪ Ni ikihe kigero cyiza cy'igicucu mu murima wa kawa?<br><br>**IBIBAZO N'IBISUBIZO**<br>**INTAMBWE ZIKURIKIYEHO:**<br><br>Shimira abahinzi bitabiriye amahugurwa . |